

RWANDA / JUDGMENT

UBUSHINJACYAHA VS NIYONDAMYA

RPAA 00653/2024/CA

COURT

Court of Appeal

DECIDED

30 September 2025

CASE / FILE NUMBER

RPAA 00653/2024/CA

Source: amategeko.gov.rw · Research copy typeset by Esheria. Not court-issued or certified.

UBUSHINJACYAHA VS NIYONDAMYA

- Source: Amategeko
- Section: Decisions (Judgements)
- Date: 2025-09-30
- Case/document no.: RPAA 00653/2024/CA
- Collection: Court of Appeal

Text

Page 1

UBUSHINJACYAHA VS NIYONDAMYA [Rwanda URUKIKO RW'IKIRENGA – RPAA 00653/2024/CA (Rukundakuvuga, P.J.) 30 Nzeli 2025] Amategeko agenga ibimenyetso – Imanza nshinjabyaha – Mu manza nshinjabyaha, ibimenyetso byose bishobora gushingirwaho mu gihe bigaragaza ukuri kw'ibyabaye (principe de la liberté de la preuve en matière pénale) ababuranyi bakaba barahawe uburyo bwo kuhaba ngo banyomozanye, kandi Urukiko nirwo rwemeza ko ibyo bimenyetso bishobora kwemerwa. Bityo Iyo nta gushidikanya ku bimenyetso bishinja uregwa icyaha, Urukiko rurakimuhamya. Incamake y'ikibazo: Uru rubanza rwatangiye Ubushinjacyaha burega Niyondamya mu Rukiko Rwisumbuye Rusizi icyaha cyo cyo gusambanya umwana witwa N.M.G w'imyaka cumi n'ine (14) wavukanye ubumuga bwo mu mutwe. Niyondamya yaburanye ahakana icyaha, avuga ko uwatanze amakuru basanzwe bapfa ko yigeze kumusanga asambanya umugore w'umuturanyi. Urukiko mu rubanza RP00216/2021/TGI/RSZ rushingiye ku buhamya bwa Iyakaremye na raporo ya muganga yemeje ko uwo mwana yasambanyijwe koko, rwemeje ko icyaha cyo gusambanya umwana gihama Niyondamya. Rumuhanisha igifungo cy'imyaka makumyabiri n'itanu (25). Niyondamya ntiyanyuzwe n'imikirize y'urubanza ajuririra Urukiko Rukuru/Urugereko rwa Rusizi, avuga ko yahamijwe icyaha atakoze kuko bitumvikana ukuntu

yaba yarasambanyije umwana ku wa 23 akaregwa ku wa 30 kandi batuye mu Mudugudu umwe. Avuga ko umugabo umushinja bahuye avuye kuvoma barabisikana. Ajurira anenga kandi raporo ya muganga yagaragaje ko ari nta karangabusugi umwana agifite, avuga ko itagaragaza ko ariwe wamusambanije. Ubushinjacyaha buvuga ko ubujurire bwe nta shingiro bufite. Urukio mu rubanza RPA00109/2022/HC/RSZ, rushingiye ku buhamya bwa Iyakaremye, ku mvugo za nyina w'umwana no kuri raporo ya muganga no ku cyemezo cy'amavuko cya N.M.G rwahamije Niyondamya icyaha, ariko kuko ari ubwa mbere akurikirwanwe mu nkiko, rumuhanisha igihano cy'igifungo cy'imyaka cumi n'icyenda (19). Niyondamya yongeye kujurira mu Rukiko rw'Ubujurire anenga urubanza rwamuhamije cyaha avuga ko bitumvikana ukuntu Iyakaremye yari kumubona asambanya umwana ntamufatire mu cyuho ahubwo agategereza iminsi itatu yose maze akabona kuvuga ibyo yabonye. Avuga kandi ko imvugo za nyina w'umwana nazo zitagombaga gushingirwaho kuko avuga ibyo atibonye. Avuga ko raporo ya muganga nayo idashobora gufatwaho ukuri kuko itagaragaza ihuriro riri hagati y'uwakorewe icyaha na Niyondamya, avuga kandi ko umwana uvugwa ko yasambanyijwe atigeze abazwa. Avuga na none ko mu gihe Urukiko rwabibona ukundi rwashingira ku byo amategako ateganya akagabanyizwa ibihano. Ubushinjacyaha busobanura ko ikirego cyatanzwe nyuma y'iminsi itatu kubera ko nyina w'umwana atahise amenya amakuru, akagitanga igihe ayamenyeye. Avuga ko kuba umwana atarasobanuye ibyamubayeho nta gitangaza kirimo mu gihe dosiye igaragaza ko yavukanye ubumuga bwo mu mutwe. Ku bijyanye n'igihano avuga ko igihano yahawe gikwiranye n'uburemere bw'icyaha yakoze kuko yasambanyije umwana ufite ubumuga bwo mu mutwe. Urukiko mu rubanza RPAA00653/2024/CA, rushingiye ku bimenyetso biri muri dosiye, rwasanze nta kosa Inkiko zibanza zakoze mu kwemeza ko Niyondamya ahamwe n'icyaha cyo gusambanya N.M.G w'imyaka 14. Rwemeza ko Ubujurire bwe nta shingiro bufite. Incamake y'icyemezo: Iyo nta gushidikanya ku bimenyetso bishinja uregwa icyaha, Urukiko rurakimuhamya. Bityo, kuba umubyeyi yatanga ikirego cyo gusambanya umwana we nyuma y'iminsi itatu icyaha gikozwe ntabwo ubwabyo bitesha agaciro imikorere y'icyaha kandi hari ibindi bimenyetso bihamya uregwa icyaha.

Page 2

Ubujurire nta shingiro bufite ariko igihano gikwiye kugabanywa kuko uregwa yagikoze afite imyaka 22. Nta mategeko yashingiweho. Imanza zifashishijwe: Urubanza RPAA00189/2023/CA haburana Ubushinjacyaha na Mfitumukiza Rugira Clément rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 20/12/2024 Urubanza. I. IMITERERE Y'URUBANZA [1] Uwitwa Ayingeneye Francine yashyikirije ikibazo Ubugenzacyaha avuga ko kuwa 23/06/2021 Niyondamya Malachie yamusambanyirije umwana w'umukobwa w'imyaka 14 witwa N.M.G1 wavukanye ubumuga bwo mu mutwe, utabasha kumenya no kuvuga ibyamubayeho. Asobanura ko Niyondamya Malachie yamusambanyirije mu ishyamba avuye kuvoma, babonwa n'umugabo witwa Iyakaremye Jean Pierre watambukaga, ari nawe watanze ayo makuru. Avuga ariko ko uwo mutangabuhamya nawe yatanze ayo makuru atinze kuko byamenyekanye kuwa 26/06/2021. Nyuma y'iperereza Niyondamya Malachie yaregwe Urukiko Rwisumbuye rwa Rusizi aburana ahakana icyaha, avuga ko uwatanze amakuru basanzwe bapfa ko yigeze kumusanga asambanya umugore w'umuturanyi.

[2] Mu rubanza RP00216/2021/TGI/RSZ rwaciwe ku wa 10/03/2022, Urukiko Rwisumbuye rwa Rusizi rushingiye ku buhamya bwa Iyakaremye Jean Pierre wavuze uko yasanze Niyondamya Malachie asambanya N.M.G, na raporo ya muganga yemeje ko uwo mwana yasambanyijwe koko, rwemeje ko icyaha cyo gusambanya umwana gihama Niyondamya Malachie. Rwasobanuye ko ibyo kuvuga ko hari icyo asanzwe apfa na Iyakaremye Jean Pierre nta shingiro byahabwa kuko ibyo uyu yavuze bishyigikiwe na raporo ya muganga kandi Niyondamya Malachie nawe akaba yaremeye ko uwo munsu yageze mu ishyamba bivugwa ko yasambanyirijemo uwo mwana. Urukiko rwamuhanishije igifungo cy'imyaka makumyabiri n'itanu (25). [3] Niyondamya Malachie ntiyanyuzwe n'imikirize y'urubanza ajuririra Urukiko Rukuru/Urugereko rwa Rusizi, avuga ko yahamijwe icyaha atakoze kuko bitumvikana ukuntu yaba yarasambanyije umwana ku wa 23 akaregwa ku wa 30 kandi batuye mu Mudugudu umwe. Avuga ko umugabo umushinja bahuye avuye kuvoma barabisikana, akibaza uko yavugaga ko yasambanyije umwana. Yanenze kandi raporo ya muganga yaragaragaje ko ari nta karangabusugi umwana agifite, avuga ko ubwayo itagaragaza ko ariwe wamusambanije. [4] Mu rubanza RPA00109/2022/HC/RSZ, rwaciwe ku wa 10/07/2024, Urukiko Rukuru/Urugereko rwa Rusizi narwo rushingiye ku buhamya bwa Iyakaremye Jean Pierre, ku mvugo za nyina w'umwana atanga ikirego mu Bugenzacyaha, kuri raporo ya muganga no ku cyemezo cy'amavuko cya N.M.G rwahamije Niyondamya Malachie icyaha, icyakora rushingiye ku mpamvu nyoroshyacyaha zirimo kuba ari ubwa mbere akurikirwanwe mu nkiko, rumuhanisha igihano cy'igifungo cy'imyaka cumi n'icyenda (19). [5] Niyondamya Malachie yongeye kujurira mu Rukiko rw'Ubujurire, urubanza rwe ruhabwa no RPAA00653/2024/CA, iburanisha mu ruhamye rishyirwa ku wa 10/03/2025. Uwo munsu ugeze

1 Iri ni izina ryahawe uwakorewe icyaha mu rwego rwo ku murindira umutekano

Page 3

Niyondamya Malachie yitaba yunganiwe na Me Ndwanije Pierre Claver, naho Ubushinjacyaha buhagarariwe na Ninahazwa Roselyne, Umushinjacyaha ku rwego rw'Igihugu. [6] Mu bujurire bwe, Niyondamya Malachie anenga urubanza rwamuhamije cyaha avuga ko bitumvikana ukuntu Iyakaremye Jean Pierre yari kumubona asambanya umwana ntamufatire mu cyuho ahubwo agategereza iminsi itatu yose maze akabona kuvuga ibyo yabonye. Avuga kandi ko imvugo za nyina w'umwana nazo zitagombaga gushingirwaho kuko avuga ibyo atibonye. Avuga ko raporo ya muganga nayo idashobora gufatwaho ukuri kuko itagaragaza ihuriro riri hagati y'uwakorewe icyaha na Niyondamya Malachie, mu gihe ndetse umwana uvugwa wasambanyijwe atigeze abazwa. Me Ndwanije Pierre Claver nawe ashimangira ko uwo yunganira ari umwere, ariko ko mu gihe Urukiko rwabibona ukundi rwashingira ku byo amategeko ateganya akagabanyizwa ibihano. [7] Uhagarariye Ubushinjacyaha asobanura ko ikirego cyatanzwe nyuma y'iminsi itatu kubera ko nyina w'umwana atahise amenya amakuru, akagitanga igihe ayamenyeye. Avuga ko kuba umwana atarasobanuye ibyamubayeho nta gitangaza kirimo mu gihe dosiye igaragaza ko yavukanye ubumuga bwo mu mutwe. Ku bijyanye n'igihano avuga ko igihano yahawe gikwiranye n'uburemere bw'icyaha yakoze harebwe ko uwakorewe icyaha yari afite ubumuga bwo mu mutwe. [8] Urubanza rwaraburanishijwe rurapfundikirwa, hategekwa ko ruzasomwa ku wa 28/03/2025 ariko Urukiko rusanga mbere y'uko rucibwa, ari ngombwa ko Ubushinjacyaha bukora

iperereza ry'inyongera ku mudamu witwa Nyirajyambere Odette uvugwa mu buhamya bwashingiweho ndetse bukanabaza umwana bivugwa ko yahohoteye kugira ngo nawe agire ibyo yisobanurira ubwe, ukuri kurushaho kumenyekanana. Urubanza rwasubukuwe ku wa 09/09/2025, impande zombi zigira icyo zivugaga ku byavuye mu iperereza. [9] Muri uru rubanza harasuzumwa ibibazo bikurikira : Kumenya niba hari inenge ziri mu bimenyetso byashingiweho Niyondamya Malachie ahamwe n'icyaha cyo gusambanya umwana ; Kumenya niba ashobora kugabanyirizwa igihano mu gihe icyaha cyaba gikomeje kumuhama. II. ISESENGURA RY'IBIBAZO BIGIZE URUBANZA Kumenya niba hari ugushidikanya kugaragara mu bimenyetso byashingiweho Niyondamya Malachie ahamwe n'icyaha [10] Niyondamya Malachie na Me Ndwaniye Pierre Claver umwunganira banenga Urukiko Rukuru/Urugereko rwa Rusizi kuba rwarashingiye ku mvugo za Iyakaremye Jean Pierre na Ayingeneye Francine (nyina w'umwana) nyamara ziteye urujijo kuko bitumvikana ukuntu umuntu yari kubona umwana asambanywa, aho kumufatira mu cyuho, akagenda akicecekeraga iminsi itatu yose, akabona kuvugaga ibyo yabonye. Bongeraho ko ahavugwa ko yakoreye icyaha ari ku nzira nyabagendwa, hatuwe n'abaturage benshi, bikaba bitumvikana ukuntu nta n'umwe Iyakaremye Jean Pierre yaba yarabibwiye muri icyo minsi itatu yose, mbere y'uko ajya kubibwira umuyobozi w'Umudugudu. Naho ibyo Urukiko rwashingiyeho ruvugaga ko Niyondamya Malachie nawe yemeye ko yahuye n'uwo mwana, avugaga ko guhura nawe bitavuze kumusambanya. [11] Basobanura kandi ko imvugo za nyina w'umwana zitagombaga guhabwa ishingiro kuko adahamye ibyo yibonye, ahubwo avugaga ibyo yabwiye n'umuyobozi w'umudugudu, nawe wabibwiye na Iyakaremye Jean Pierre. Naho ku byerekeye ubuhamya bwatanzwe na N.M.G, mu iperereza ry'inyongera ryategetswe n'uru Rukiko, bavugaga ko bidakwiye kwizerwa kuko mbere atabajijwe ngo kuko afite ikibazo cyo mu mutwe, kuba rero aho abarijwe yaravuze ko ari Niyondamya Malachie wamusambanyije,

Page 4

byumvikana ko ari ibyo yashyizwemo kuko atari kuba yibuka uwamusambanyije nyuma y'igihe kingana gutya kandi afite ikibazo cy'ubumuga bwo mu mutwe. [12] Banenga kandi gushingira kuri raporo ya muganga yagaragaje ko akarangabusugi ka N.M.G kashwanyaguritse, bakavugaga ko ibyo bidahagije mu guhamya uregwa icyaha kuko icyo raporo itagaragaza ko hari aho ahuriye nabyo. Bakavugaga ko hashingiye kuri ibyo byose, uregwa akwiye kugirwa umweme. [13] Uhagarariye Ubushinjacyaha avugaga ko ibyo uregwa n'umwunganizi we banenga ko Urukiko rwashingiye ku buhamya buteye urujijo nta shingiro bifite kuko nyuma y'iperereza ry'inyongera ryategetswe n'uru Rukiko, uwakorewe icyaha nawe ubwe yahamije ibyavuzwe n'abatangabuhamya bari bashingiweho, ndetse binashimangirwa na Nyirajyambere Odette nawe wabajijwe. Avugaga ko badakwiye kunenga ubuhamya bwatanzwe na nyina w'umwana, kuko gushingira ku buhamya bw'ubumuga ibyo yabwiye bitabujijwe ; bityo ubihakana akaba ariwe ufite inshingano yo kubivuguruzwa. Naho ibyo bitwazwa ko Niyondamya Malachie atapimwe na muganga ngo ahuzwe n'ibyagaragaye ku mwana, asobanura ko bitari gukunda kuko nyina w'umwana yamenye amakuru yerekeye icyaha hashije iminsi itatu, byumvikana ko kumujyana kwa muganga ntacyo byari kumara. Anongeraho ko ikimenyetso gishingiye ku buhanga bwa muganga atari cyo kamara muri uru rubanza, kuko mu manza nshinjabyaha, ibimenyetso byose

byemewe n'amategako bishobora gushingirwaho mu guhamya cyangwa mu guhanaguraho icyaha ugukurikiranyweho. Asoza avuga ko uregwa atabasha kuvuguruza ibimenyetso byashingiweho ahamywa icyaha akurikiranweho, ubujurire bwe bukaba nta shingiro bukwiye guhabwa. UKO URUKIKO RUBIBONA [14] Muri uru rubanza impaka zishingiye ku kumenya niba hari inenge zigaragara mu bimenyetso byashingiweho n'Urukiko Rukuru/Urugereko rwa Rusizi mu guhamya uregwa icyaha. [15] Mu guhamya Niyondamya Malachie icyaha, Urukiko Rukuru/urugereko rwa Rusizi rwashingiye ku buhamya bwa Iyakaremye Jean Pierre, ku mvugo za nyina w'umwana atanga ikirego mu Bugenzacyaha no kuri raporo ya muganga wapimye N.M.G. [16] Ku bijyanye n'ubuhamya bwatanzwe na Iyakaremye Jean Pierre, mu ibazwa rye mu Bugenzacyaha yasobanuye ko ku wa 23/06/20212 yavuye iwe agiye kuri boutique guhaha, ageze hafi y'agashyamba kegereye umugezi yumva umuntu ataka, abanza kugira ngo ni abana bakina, yigiye imbere yumva umwana arushaho gutaka, agiye kubona abona muri ako gashyamba hasohotsemo umusore wiruka, hanyuma abona n'uwo mwana arira yambaye ubusa ari gukenyera agashura (écharpe). Avuga ko yamubajije ibibaye abona uwo mwana atavuga neza, ameze nk'utuzuye. Yasobanuye ko yakomeje kugerageza kumubaza yitonze umwana akamubwira ko uwo musore amusambanyije. Yavuze kandi ko haje undi mugore wamubwiye ko ari uwo mwana, ari n'uwo musore bombi abazi kuko uyu Iyakaremye Jean Pierre we atari asanzwe abazi, aribwo yari akimukira aho. Kukuru rero we atari azi iwabo w'umwana avuga ko ikibazo yakibwiye umuyobozi w'umudugudu wabo, amakuru akaza kugera kuri nyina w'umwana. Ko nyuma aribwo yaje kumva ko uwo musore yafashwe. [17] Nyina w'umwana we yatanze ikirego atinze kuko atahise amenya amakuru y'uko umwana we yasambanyijwe, kuko uwo munsu ku wa 23/06/2021 yari yiriwe kwa muganga, ageze mu rugo umwana ntiyagira icyo amubwira kuko abana n'ubumuga bwo mu mutwe. Avuga ko ku wa 25/06/2021 nimugoroba aribwo yaje kubimenya abibwiwe n'umugabo witwa Nzayisenga Jean Pierre, wamubwiye ko yabibwiwe n'umugore witwa Odette, wamubwiye ko hari n'umugabo wabafashe, uwo mushumba asambanya umwana. Yasobanuye ko akimara kubyumva yabimenyeshe inshuti z'umuryango (urwego

2 Mu ibazwa rye handitse 23/07/2021, ariko iyo urebye itariki yabarijwe ho ku wa 17/07/2021 usanga ari ukwibeshya mu myandikire kuko atari gutanga ubuhamya mbere y'ibikorwa bivugwa. Ibi kand yo bihujwe n'ibyanditse muri PV ya nyina w'umwana bigaragara ko tariki yakuri ibikorwa bivugwa byabereye ari 23/06/2021.

Page 5

rw'umudugudu), bakamugira inama yo kujyana umwana kwa muganga. Nyina w'umwana avuga kandi ko yagerageje kubaza umwana akamwemerera ko umushumba witwa Niyondamya yamusambanyije. Avuga ndetse ko hari abana, umwana we yabwiye ko uwo mushumba yamubwiye ko namuha ku bintu azamugurira inkweto nshya. [18] Mu iperereza ry'inyongera ryategetswe n'Urukiko rw'Ubugurire N.M.G yabajijwe niba yibuka ibyamubayeho muri 2021 umunsi bivugwa ko yasambanyirijweho, avuga ko abyibuka ko Niyondamya Malachie yamukurikiye avuye kuvoma akamuhirika hasi akamukuramo ikariso yari yambaye, akamusambanya iminota nk'ibiri. Yavuze ko yakoraga i Murambi ari umushumba ariko ko aho yakoraga atahazi. Muri iryo perereza kandi habajijwe Nyiramajyambere Odette, avuga ko uwo

munsi yari agiye kuri boutique ahura n'umugabo atibuka izina rye amubwira ko uwo mwana yasambanyijwe kandi asambanyijwe n'umushumba wo kwa Consolatta. Avuga ko yabajije umwana ntiyamusubiza, amusiga aho afite ijerekani yuzuye amazi. Yavuze ko bwakeye akajya gusoroma icyayi kwa Mariya, ahahurira n'uwitwa Jean Pierre abivugaho, agakeka ko uwo Jean Pierre (Nzayisenga) ashobora kuba yaragiye kubibwira nyina w'umwana kuko hashize iminsi nyina w'umwana akaza kumusobanura uko byagenze, undi akamubwira ibyo yabonye. [19] Uru Rukiko rushingiye kuri ubu buhamya no ku byavuye mu iperereza ry'inyongera rusanga uregwa adashobora kunenga ko icyaha cyatangiywe gukurikirwa hashize iminsi igera kuri itatu uhereye ku italiki ivugwa icyaha cyakoreweho, kuko nk'uko bigaragara nyina w'umwana yatangiye gukurikirana ikibazo aho akimenyeye. Rusanga kandi imvugo z'umutangabuhamya Iyakaremye Jean Pierre, uregwa anenga, zaremejwe n'umwana mu iperereza ry'inyongera ryakozwe, agahamya ko yasambanyijwe na Niyondamya Malachie ; ndetse na Nyiramajyambere Odette akaba yarahamije ko isambanywa ry'uwo mwana yariganiririywe Nzayisenga Jean Pierre bahuriye kwa Mariya basoroma icyayi. Ibi bigahura n'ibyavuzwe na nyina w'umwana ko iby'iki cyaha yabibwiwe na Nzayisenga Jean Pierre, wamutekerereje ko yabyumvanye uwitwa Odette avuga ko hari umugabo wamubwiye ko yafashe uwo mushumba asambanya umwana. Ibi kandi bikuraho ibyo uregwa yitwaza ko umwana atabajijwe kuko kuri ubu yabajijwe agasobanura uko byagenze. [20] Naho ibyo uregwa avuga ko ibyo umwana yavuze yabibwirijwe kuko abana n'ubumuga bwo mu mutwe akaba adashobora kwibuka ibyabaye 2021, uru Rukiko Rurasanga nta shingiro byahabwa kuko iyo urebye uko umwana yasobanuye uko byagenze adategwa, ubona ko atavuga nk'usubiramo ibyo yabwiwe cyane cyane ko nk'ufite ubumuga bwo mu mutwe byumvikana ko atabasha kwisobanura agamije guhisha ko ibyo avuga yabibwirijwe. Byongeye kandi uwamubajije yahamije ko ubona ko koko afite ikibazo cyo mu mutwe, ariko ko iyo umubajije w'itonze ashobora kugusobanurira. [21] Uru Rukiko rurasanga kandi izi mvugo z'abatangabuhamya bose babajijwe, zishimangirwa na raporo ya muganga wemeje ko yasuzumye umwana agasanga akarangabusugi ke karangiritse, kandi yaranduye indwara zo mu myanya myibarukiro. Akemeza ko n'ubwo basuzumye uyu mwana hashize iminsi itanu biketswe ko yasambanyijwe, ibyo muganga yabonye byemeza ko koko umwana ashobora kuba yarakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Urukiko rukaba rusanga ibivugwa na Niyondamya Malachie ko ntakimuhuza n'ibyo muganga yasanze ku mwana, nta shingiro byahabwa kuko nk'uko byasobanuwe iyo raporo ishyigikira ubuhamya bwatanze, akaba rero atariyo yonyine ikwiye kwitsitswaho n'uregwa agamije kwikuraho icyaha. [22] Urukiko rw'Ubujurire rushingiye kuri ibi bisobanuro, rurasanga nta kosa Inkiko zibanza zakoze mu kwemeza ko Niyondamya Malachie ahamya n'icyaha cyo gusambanya N.M.G w'imyaka 14. Bityo Ubujurire bwe bukaba nta shingiro bufite. Kumenya igihano cyahabwa Niyondamya Malachie

Page 6

[23] Me Ndwanziye Pierre Claver yasabye Urukiko ko mu gihe rwabibona ukundi, rwashingira ku byo amategako ateganya Niyondamya Malachie akagabanyizwa ibihano. [24] Uhagarariye Ubushinjacyaha we avuga ko igihano Niyondamya Malachie yahawe gikwiranye n'uburemere bw'icyaha yakoze harebwe ko uwakorewe icyaha yari afite ubumuga bwo mu

mutwe. UKO URUKIKO RUBIBONA [25] Impaka kuri iyi ngingo zishingiye ku kumenya niba Niyondamya Malachie yarahanishijwe igihano gihwanye n'uburemere bw'icyaha yakoze hashingiwe ku buryo abandi bakoze icyaha mu buryo bumwe, bakanaburana nka we bahanwe. [26] Mu manza zaciwe n'uru Rukiko ku bantu bari mu kigero kimwe n'icye kandi basambanyije abana bajya kungana n'uwo we yasambanyije, uruheruka ni urubanza RPAA00189/2023/CA rwaciwe ku wa 20/12/2024, Ubushinjacyaha buburana na Mfitumukiza Rugira Clément. Muri urwo rubanza Mfitumukiza Rugira Clément yakoze icyaha afite imyaka 22 asambanya umwana w'imyaka 15 y'amavuko, nawe aburana ahakana icyaha, ahanishwa igihano cy'igifungo cy'imyaka cumi n'itatu (13). Muri uru rubanza Niyondamya Malachie yahanishijwe icyaha cyo gusambanya umwana ufite imyaka 14, akaba yaragikoze afite 22, bityo na we akaba yari akwiye guhanishwa igihano nk'icyo, mu rwego rwo gutanga ubutabera bumwe ku bibazo bijya gusa. Icyakora, kuko Niyondamya Malachie we yasambanyije umwana urushijeho kuba muto, kandi ufite ubumuga bwo mu mutwe, uru Rukiko rusanga agomba guhanishwa igihano kisumbuyeho, bityo rukaba rumuhanishije igihano cy'igifungo cy'imyaka cumi n'ine (14), gisimbura igifungo cy'imyaka cumi n'icyenda (19) yari yahawe mu rubanza rujuririrwa. III. ICYEMEZO CY'URUKIKO [27] Rwemeje ko Ubujurire bwa Niyondamya Malachie nta shingiro bufite ; [28] Rwemeje ko imikirize y'urubanza RPA00109/2022/HC/RSZ, rwaciwe n'Urukiko Rukuru/Urugereko rwa Rusizi ku wa 10/07/2024 ihindutse gusa ku byerekeye igihano. [29] Rwemeje ko igihano cy'igifungo cy'imyaka cumi n'icyenda (19), Niyondamya Malachie yahanishijwe n'Urukiko Rukuru/Urugereko rwa Rusizi, gisimbujwe igihano cy'igifungo cy'imyaka cumi n'ine (14). [30] Rutegetse ko Niyondamya Malachie asonewe gutanga amagarama y'urubanza kuko aburana afunze.

Source & reproduction note

Judgment wording, source notices and original paragraph numbers are retained. Esheria supplies the layout and this PDF's page numbers; these are not the source pagination. This is a research copy, not an official or certified court document. Check quotations, citations and publication restrictions against the original source before relying on it.

ORIGINAL SOURCE <https://www.amategeko.gov.rw/view/doc/10188/10727>

CASE PAGE <https://chat.esheria.ai/case-law/rwanda/niyondamya-malachie-sexualoffences-court-of-appeal-2025>

Prepared on 12 October 2026 · Esheria